REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF JUSTICE

Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu
CNDP - NCHR



# Ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano yubahirizwa ku bushake y'inyongera ku Masezerano yerekeye kurwanya iyicarubozo mu Rwanda

## Ibibazo 10 bikunda kubazwa

Kigali, Ugushyingo 2017

## Ushatse ibindi bisobanuro wabaza:

**Ministeri y'Ubutabera (MINIJUST)**

Tel: 3636
P.O. Box 160 Kigali-Rwanda
mjust@minijust.gov.rw
www.minijust.gov.rw

**Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu (CNDP)**

Tel: 3430
P.O. Box 269 Kigali
cndh1@rwanda1.com
www.cndp.org.rw

## Aka gatabo kateguwe kubufatanye na:

**Association for the Prevention of Torture (APT)**

Centre Jean-Jacques Gautier
Route de Ferney 10
P.O. Box 137
1211 Geneva 19
Switzerland
Tel: +41 22 919 21 70
apt@apt.ch
www.apt.ch

1977-2017

© drawing on the cover: Fondation Joseph The Worker/ Structure Lazarienne

REPUBLIC OF RWANDA
MINISTRY OF JUSTICE

CNDP - NCHR

# Ishyirwa mu bikorwa ry'Amasezerano yubahirizwa ku bushake y'inyongera ku Masezerano yerekeye kurwanya iyicarubozo mu Rwanda

## Ibibazo 10 bikunda kubazwa

Kigali, Ugushyingo 2017

## Iriburiro

Minisiteri y'Ubutabera kimwe na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu bafite inshingano yo kwigisha abaturage ibijyanye n'Uburenganzira bwa Muntu ndetse n'ibijyanye n'uko igihugu gishyira mu bikorwa Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye Uburenganzira bwa Muntu.

Kuwa 30 Kamena 2015, u Rwanda rwashyikilije Sekeretariya y'Umuryango w'Abibumbye inyandiko yemera Amasezerano yubahirizwa ku bushake y'inyongera ku Masezerano yerekeye kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro (Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo). Guhera ubwo, u Rwanda rwagiye mu mubare w'ibihugu birebwa n'ayo Masezerano kandi bifite mu nshingano zabyo gushyiraho Urwego rw`Igihugu rushinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa se bitesha umuntu agaciro (Urwego rw'Igihugu rwo gukumira no kurwanya iyicarubozo).

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo, guhera muri 2016, u Rwanda rwatangiye gushyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe gukumira iyicarubozo.

Kubera ko Urwego rw'Igihugu rwo gukumira no kurwanya iyicarubozo ali urwego rushya ruzafasha Igihugu cyacu gushyira mu bikorwa Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo, Minisiteri y'Ubutabera ifatanyije na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu basanze ari ngombwa gutegura inyandiko imenyekanisha icyo gikorwa.

Ni muri urwo rwego rero hateguwe urutonde rw'ibibazo 10 bikunda kubazwa byakusanyijwe haherewe ku biganiro byabaye mu nama nyunguranabitekerezo zinyuranye zahuje

abafatanyabikorwa bafite cyangwa bashobora kugira uruhare mu gukumira iyicarubozo. Hanateguwe ibisubizo bigufi by'ibyo bibazo byanditse mu buryo bwumvikana kugira ngo abaturage muri rusange basobanukirwe ibijyanye Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo ndetse n'inzego zishinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo. Izo nzego ni Inzego z`Ibihugu zishinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo n'Itsinda mpuzamahanga rishinzwe gukumira iyicarubozo.

Bityo rero, aka gatabo kateguwe na Minisiteri y'Ubutabera na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu kakaba gakubiyemo amakuru y'ibanze afasha abasomyi gusobanukirwa uburyo u Rwanda ruteza imbere ndetse rukanashyira mu bikorwa Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo. Aka gatabo gashobora kandi kwifashishwa n'abafatanyabikorwa bakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano cyangwa se bashishikajwe no kurwanya ndetse no gukumira iyicarubozo.

## 1. Ese Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo ni iki?

Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo ni amasezerano mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bwa muntu agamije gufasha Ibihugu kurangiza inshingano zabyo zo gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro, zisanzwe ziteganywa n'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye agamije kurwanya iyicarubozo, no kurushaho kurengera uburenganzira bw'imfungwa n'abagororwa.

## 2. Ese ayo Masezerano afasha ate Ibihugu gukumira iyicarubozo?

Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozoagena uburyo buhoraho bwo gusura ahantu hose hafungiwe abantu bambuwe umudendezo. Uko gusura bikorwa n'Inzego z'Ibihugu zishinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo n'Urwego Mpuzamahanga rwitwa "Itsinda rishinzwe gukumira iyicarubozo". Izo nzego zose mukubahiliza inshingano zazo zifatanya cyane n'Inzego z'Igihugu binyuze mu biganiro byubaka, mu gusuzuma ibibazo bishobora kugaragara mu mategeko cyangwa mu iyubahilizwa ryayo no gushaka ibisubizo hagamijwe kurinda no kurengera uburenganzira n'agaciro k'abantu bose bafunzwe.

Ibihugu byashyize umukono ku Masezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo biba byiyemeje gushyira mu bikorwa ibiteganywa nayo. Bimwe muri ibyo harimo ko buri gihugu kizashyiraho Urwego cyangwa inzego nyinshi z`Igihugu zishinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo.

## 3. Ese Inzego z`Ibihugu zishinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo ni iki?

Ni Inzego zigenga zishyirwahon'Ibihugu mu rwego rwo kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa se bitesha umuntu agaciro.

Amasezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo ntateganya imiterere y'izo nzego kuko Ibihugu ari byo biteganya imiterere yazo hakurikijwe umwihariko wa buri gihugu, ariko bigomba guteganya ko Izo nzego zigomba kwigenga, zigahabwa ingengo y'imari ihagije kandi zikaba zigizwe n'inzobere zifite ubunararibonye n'ubushobozi urwo rwego rukeneye. Abayobozi ba Leta bafatanya n'izo Nzego.

## 4. Ese Inzego z`Ibihugu zishinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo zikora iki?

Zifite inshingano zo:

- Gusura ku buryo buhoraho ahantu aho arihohose hafungiwe abantu; kubaganiriza mu muhezo, kuganira n'inzego z'ubuyobozi bw'aho bafungiye ndetse no gusuzuma amakuru yagaragajwe.
- Gusuzuma no gutanga ibitekerezo ku mategeko, politiki n'ibikorwa byose bijyanye n'ifungwa ry'abantu.
- Gukora isesengura ry'imikorere y'inzego z'Igihugu hagamijwe kugaragaza ibibazo bihari n'impamvu zishobora kuba intandaro y'ibikorwa by'iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibabaza umubiri.
- Gutanga ibyifuzonama n'ibisubizo nyabyo bigamije kunoza uburyo bwo gufunga abantu n'imikorere y'ahafungirwa abantu, kurinda no kurengera imfungwa n'abagororwa no kubahiriza agaciro ka muntu muri rusange.
- Gukora ubushakashatsi n'ibindi bikorwa bigamije gushyira imbaraga mu kubuza no gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bya kinyamaswa cyangwa se bitesha umuntu agaciro.
- Kugirana ibiganiro n'ubufatanye n'abayobozi ku bibazo binyuranye halimo no mu bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama izo Nzego ziba zatanze.

## 5. Ese Itsinda Mpuzamahanga rishinzwe gukumira iyicarubozo n'iki?

Itsinda rishinzwe gukumira iyicarubozi ni Urwego rw'Umuryango w'Abibumbye rugizwe n'Inzobere 25 zigenga zituruka ku migabane itandukanye y'isi zifite n'ubunararibonye, zitorwa n'Ibihugu byashyize umukono ku Masezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo.

## 6. Ese Itsinda Mpuzamahanga rishinzwe gukumira iyicarubozo rikora iki?

Itsinda rishyinzwe gukumira iyicarubozo rikora rishingiye ku mahame yo kugira ibanga, kutabogama n`ubufatanye.

Iryo tsinda risura ahafungiye abantu hose mu bihugu byashyize umukono ku Masezerano y'inyongera yo gukumira iyicarubozo, ligakora raporo ikubiyemo ibyifuzonama by'uburyo harushaho gukumira iyicarubozo n'ibindi bikorwa bibabaza umubiri. Iyo raporo ikorwa mu ibanga igashyikirizwa abayobozi babifitiye ububasha. Rigira inama abayobozi kubyerekeye ishyirwaho ry'Urwego rw`Igihugu rushinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo. Iri Tsinda kandi rifatanya ndetse rikanafasha Urwego rw'Igihugu rushinzwe kurwanya no gukumira iyicarubozo mu mikorere yarwo.

## 7. Ahantu hafungirwa abantu hasurwa ni he?

Urwego rw`Igihugu rushinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo kimwe n'Itsinda mpuzamahanga ryo gukumira iyicarubozo basura ahantu hose hafungiwe abantu. Mu Rwanda aho hantu ni nko muri za gereza, kasho na sitasiyo za polisi, ibigo byakira abafite ubumuga bwo mu mutwe n`ibitaro byakira abarwayi bo mu mutwe, amakambi y'impunzi ndetse n'ibigo byakira abageze mu zabukuru.

## 8. Ese aho hafungiye abantu ntihasanzwe hasurwa?

Yego hasanzwe hasurwa n’Inzego zitandukanye nka Komisiyo y’Igihugu y’Uburenganzira bwa Muntu, Ubushinjacyaha Bukuru ndetse n’Imiryango itari iya Leta. Cyakora gusura ahafungiye abantu ni kimwe mu bikorwa byinshi by’izo nzego n’iyo miryango, kandi akenshi iryo sura riba rishingiye ku birego iyo miryango n’izo nzego biba byagejejweho. Urwego rw`Igihugu rushinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo rwo ni urwego ruhoraho rugamije rushinzwe by’umwihariko gukumira iyicarubozo n’ibindi bikorwa cyanga ibihano bibabaza umubiri, rugakora ubushakashatsi, rugacukumbura hagamijwe gushaka ibisubizo by’ibibazo by’iyicarubozo cyangwa se bishobora kuba intandaro yaryo.

## 9. N’iki u Rwanda rwiyemeje gukora nka kimwe mu bihugu byashyize umukono ku Masezerano y’inyongera yo kurwanya no gukumira iyicarubozo?

Nka kimwe mu bihugu byashyize umukono kuli ayo Masezerano, u Rwanda rwiyemeje:

- Gushyiraho Urwego rw`Igihugu rushinzwe gukumira iyicarubozo nkuko biteganywa n’ayo Amasezerano;
- Kugenera urwo Rwego ingengo y’Imari ihagije kugira ngo rushobore gukora neza;
- Guha urwo rwego n’Itsinda mpuzamahanga rishinzwe gukumira iyicarubozo amakuru yose akenewe;
- Kugirana ubufatanye n’Urwego rw’Igihugu rushinzwe kurwanya no gukumira iyicarubozo kimwe n’Itsinda Mpuzamahanga no gushyira mu bikorwa ibyifuzonama byabo.

## 10. Noneho rero n'iki u Rwanda rugiye gukora mu gushyira mu bikorwa ayo Masezerano?

Nyuma y'ibiganiro n'abafatanyabikorwa batandukanye, Leta y'u Rwanda yasanze, Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu yakongererwa inshingano igakora nk'Urwego rw`Igihugu rushinzwe gukumira iyicarubozo. Bityo hagiye gukorwa ibi bikurikira:

- Gusoza ivugururwa ry'itegeko rya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ryongeramo inshingano z'urwo Rwego.
- Itegeko rishya rizagena uko urwo Rwego ruzakorera muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu, ubushasha bwarwo hashingiwe ku mahame y'ingenzi akubiye mu Masezerano y'inyongera agamije gukumira no kurwanya iyicarubozo.
- Gushyiraho abagize urwo rwego muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu mu gihe itegeko ryaba rimaze kwemezwa.
- Leta igomba kumenyesha Itsinda mpuzamahanga rishinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo ko yashyizeho Urwego rw`Igihugu rushinzwe gukumira no kurwanya iyicarubozo, kugenera Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ingengo y'imari ikeneye kugira ngo ishyire mu bikorwa inshingano nshya zerekeranye n'urwo rwego neza.

# *Amasezerano yubahirizwa* ku bushake y'inyongera ku Masezerano yerekeye kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro

Yemejwe kuwa 18 Ukuboza 2002 mu Iteraniro rya 57 ry'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye mu cyemez n° A/RES/57/199; yabaye ndakuka kuwa 26 Kamena 2006.

## IRIBURIRO

***Ibihugu byemeye aya Masezerano,***

*Byongera kwemeza* ko, iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro, bibujijwe kandi bibangamiye bikomeye uburenganzira bwa muntu,

*Byemeye* ko ibindi byemezo ari ngombwa kugira ngo intego z'Amasezerano arwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro (hano byitwa ''Amasezerano'') zigerweho kandi abantu bavukijwe ubwisanzure barusheho kurindwa iyicarubozo n'ibihano by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro,

*Byibukije* ingingo ya 2 n'iya 16 z'Amasezerano, ziha inshingano buri gihugu cyose cyemeye ayo amasezerano gufata ibyemezo bikwiye byo kubuza ibikorwa by'iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro gukorerwa ku butaka bwacyo,

gusura ibihugu byemeye aya Masezerano kugira ngo ryuzuze inshingano zaryo nk'uko zivugwa mu ngingo ya 11.

2. Nyuma y' imishyikirano n'ibihugu byemeye aya Masezerano, itsinda rimenyesha gahunda yaryo ibyo bihugu kugira ngo bishobore gutegura bidatinze ibikenewe kugira ngo isurwa rikorwe.

3. Ingendo ziyoborwa nibura n'abantu babiri bagize itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicwarubozo. Iyo bibaye ngombwa, bashobora guherekezwa, n'impuguke zifite uburambe n'ubumenyi mu kazi buzwi mu byiciro biteganywa n'aya Masezerano. Izo mpuguke zitoranywa ku rutonde rw'impuguke rwakozwe hifashishijwe ibyifuzo by'ibihugu byemeye aya Masezerano, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu n'Ikigo cy'Umuryango w'Abibumbye kigamije gukumira ibyaha by'ubugome ku isi. Kugira ngo hakorwe urutonde rw'impuguke, ibihugu byemeye aya Masezerano bibyifuza bitanga amazina y'impuguke zitarenze eshanu kuri buri gihugu. Igihugu cyemeye aya Masezerano kibifitemo inyungu, gishobora kwanga ko impuguke iyi n'iyi ishyirwa ku rutonde, icyo gihe, itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo ritanga izina ry'iyindi mpuguke.

4. Itsinda ryo gukumira ribonye ari ngombwa rishobora gusaba ko hakorwa ingendo zo gusura zigamije gukurikirana iby'ingendo zo gusura zikorwa ku buryo buhoraho.

**Ingingo ya 14**

1. Kugira ngo itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo rishobore kurangiza inshingano zaryo, ibihugu byemeye aya Masezerano riryemerera ibikurikira:

   (a) Guhabwa nta mbogamizi amakuru yose yerekeye umubare w'abantu bavukijwe ubwisanzure bafungiwe ahantu havugwa mu ngingo ya 4, n'umubare w'aho abantu hafungirwa n'aho haherereye;

# IGICE CYA I

## Amahame rusange

### Ingingo ya 1

Aya Masezerano agamije gushyiraho uburyo buhoraho bukorwa n'imiryango mpuzamahanga n'iyo mu bihugu yigenga bwo gusura ahantu hafungiye abantu kugira ngo hakumirwe iyicarubozo n'ibihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.

### Ingingo ya 2

1. Hashyizweho Itsinda ryo gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro ryunganira Komite irwanya iyicarubozo (ryitwa "Itsinda ryo gukumira"), rikora imirimo isobanurwa muri aya Masezerano.

2. Itsinda ryo gukumira rikora imirimo yaryo rigendeye ku Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye ryifashisha kandi intego n'amahame biteganywa n'ayo Masezerano hamwe n'amategeko y'Umuryango w'Abibumbye arebana no kwita ku bantu bavukijwe ubwisanzure.

3. Ikindi kandi, Itsinda ryo gukumira ryifashisha amahame ajyanye no kugira ibanga, kutabogama, kutavangura, kuba abantu bose bafite uburenganzira bumwe, kutagira imbibi no kutabera.

4. Itsinda ryo gukumira hamwe n'ibihugu byemeye aya Masezerano birafatanya kugira ngo aya Masezerano ashyirwe mu bikorwa.

**Ingingo ya 3**

Buri gihugu cyemeye aya Masezerano, gishyiraho cyangwa kikagena, mu rwego rw'igihugu, urwego rumwe cyangwa inzego nyinshi zishinzwe gusura ahafungiye abantu mu rwego rwo gukumira iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu, cyangwa bimutesha agaciro (zitwa "urwego rw'igihugu rushinzwe gukumira iyicarubozo").

**Ingingo ya 4**

1. Hashingiwe ku biteganywa n'aya Masezerano buri gihugu cyemeye aya Masezerano cyemerera inzego zavuzwe mu mu ngingo ya 2 n'iya 3 gusura ahantu hose ku butaka bwacyo cyangwa aho kigenzura, hari abantu cyangwa hashobora kuba abantu bavukijwe ubwisanzure bwabo bitegetswe n'ubuyobozi bwa Leta cyangwa biturutse ku kagambane kabwo cyangwa ku byemezo byafashwe ku mugaragaro cyangwa ku buryo buziguye (hitwa ahantu  abantubafungirwa). Ibikorwa byo gusura bigamije kurinda abantu bavuzwe iyicarubozo n'ibihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.

2. Hakurikijwe aya Masezerano, kuvutsa umuntu ubwisanzure bisobanura uburyo bwose bwo gufunga cyangwa gushyira umuntu mu kigo cya Leta cyangwa cy'abantu bigenga kigenzurwa, adashobora gusohoka igihe abishakiye kandi byategetswe n'inzego z'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi cyangwa undi muyobozi uwo ari we wese.

# IGICE CYA II

## Itsinda ryo gukumira iyicarubuzo

### Ingingo ya 5

1. Itsinda ryo gukumira rigizwe n'abantu icumi. Igihe umubare w'ibihugu byemeje burundu aya Masezerano cyangwa byayemeye uzagera kuri mirongo itanu, umubare w'abagize Itsinda ryo gukumira uziyongera ugere kuri makumyabiri na batanu.

2. Abagize Itsinda ryo gukumira batoranywa mu bantu b'inyangamugayo, bafite uburambe buzwi mu byerekeranye n'ubutabera, by'umwihariko mu birebana n'amategeko ahana n'imiyoborere ya gereza cyangwa iy'igipolisi, cyangwa mu zindi nzego zinyuranye zifitanye isano no kwita ku bantu bavukijwe ubwisanzure.

3. Mu gushyiraho abagize itsinda ryo gukumira iyicarubozo, hitabwaho by'umwihariko uguhagararirwa ku buryo bungana k'uturere tugize isi n'uguhagararirwa kw'imico yose y'abatuye isi n'imiterere y'amategeko y'ibihugu byemeye aya Masezerano.

4. Mu gushyiraho abagize itsinda ryo gukumira iyicarubozo, hitabwaho na none kubahiriza ihagararirwa ku buryo bungana ry'ibitsina byombi, hashingiwe ku mahame y'uburinganire no kutavangura.

5. Iryo tsinda ntirishobora kurenza umuntu umwe mu barigize kandi baturuka mu gihugu kimwe.

6. Abagize iryo tsinda bakora imirimo bashinzwe mu bushobozi bwabo bwite, mu bwigenge busesuye, nta kubogama kandi bagomba kuboneka igihe cyose bakenewe kugira ngo bakore neza imirimo bashinzwe mu itsinda ryo gukumira iyicarubozo.

## Ingingo ya 6

1. Hakurikijwe igika cya kabiri cy’iyi ngingo buri gihugu cyemeye aya Masezerano gishobora gutanga, abakandida babiri, bafite ubumenyi kandi bujuje ibyavuzwe mu ngingo ya 5, kandi kigatanga amakuru arambuye ajyanye n’ubumenyi bw’abo bakandida.

2. (a) Abakandida batangwa bagomba kuba bafite ubwenegihugu bw’igihugu cyemeye aya Masezerano;

(b) Umwe mu bakandida babiri nibura, agomba kuba afite ubwenegihugu bw’igihugu cyemeye aya Masezerano cyabatanze;

(c) Ntihashobora gutangwa abakandida barenze babiri baturuka mu gihugu kimwe cyemeye aya Masezerano;

(d) Buri gihugu cyemeye aya Masezerano, mbere yo gutanga umukandida uturuka mu kindi gihugu cyemeye aya Masezerano, kigomba kubisaba icyo gihugu uwo mukandida aturukamo no kubyemererwa.

3. Amezi atatu nibura mbere y’itariki y’inama y’ibihugu byemeye aya Masezerano iberamo amatora, Umunyamabanga Mukuru w’Umuryango w’Abibumbye yohereza ibaruwa ibihugu byemeye aya Masezerano abisaba gutanga abakandida babyo mu gihe cy’amezi atatu nibura. Umunyamabanga Mukuru akora urutonde hakurikijwe uko inyuguti z’amazina y’abakandida bose batanzwe zikurikirana hakagaragazwa n’ibihugu byemeye aya Masezerano byabatanze.

## Ingingo ya 7

1. Abagize itsinda ryo gukumira batorwa ku buryo bukurikira:

(a) Mbere na mbere hitabwa ku kuzuza ibisabwa bitaganijwe mu ngingo ya 5 y’aya Masezerano;

(b) Amatora ya mbere aba bitarenze amezi atandatu nyuma y’itariki aya Masezerano yatangiye gukurikizwa;

(c) Abagize itsinda ryo gukumira batorwa n'ibihugu byemeye aya Masezerano mu buryo bw'ibanga;

(d) Abagize itsinda ryo gukumira batorwa mu nama z'ibihugu byemeye aya Masezerano ziba buri myaka ibiri, zitumizwa n'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye. Muri izo nama, aho umubare wa ngombwa ugizwe na bibiri bya gatatu by'ibihugu byemeye aya Masezerano, abagize itsinda ryo gukumira batorwa ni abakandida barushije abandi amajwi ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abahagarariye ibihugu byemeye aya Masezerano bahari kandi batora.

2. Iyo mu gihe cy'amatora, habayeho abakandida babiri baturuka mu gihugu cyemeye Amasezerano, bujuje ibisabwa kugira ngo batorerwe kuba mu bagize itsinda ryo gukumira, umukandida ugize amajwi menshi niwe utorwa. Iyo abakandida babiri banganyije amajwi, hakurikizwa uburyo bukurikira:

(a) Iyo umwe mu bakandida yatanzwe n'igihugu cyemeye aya Masezerano kandi agikomokamo, niwe utorerwa kujya mu bagize itsinda ryo gukumira;

(b) Iyo abakandida babiri batanzwe n'igihugu cyemeye aya Masezerano kandi bagikomokamo, habaho itora ritandukanye mu ibanga kugira ngo haboneke utorwa;

(c) Iyo nta numwe mu bakandida babiri watanzwe n'igihugu cyemeye aya Masezerano akomokamo, habaho itora ritandukanye mu ibanga kugira ngo haboneke utorwa.

**Ingingo ya 8**

Iyo umwe mu bagize itsinda ryo gukumira apfuye, yeguye ku mirimo ye cyangwa se atagishoboye gukomeza gukora imirimo bitewe n'izindi mpamvu izo ari zo zose, igihugu cyamutanze cyongera gutanga undi mukandida ufite ubumenyi kandi wujuje

ibisabwa biteganywa mu ngingo ya gatanu, cyitaye ku iyubahiriza ryo kuringaniza ubushobozi mu nzego zinyuranye, kugirango uwo mukandida asohoze inshingano ze kugeza ikindi gihe inama y'Ibihugu byemeye aya masezerano izongera guterana, hashingiwe ku cyemezo cy'ubwiganze bw'Ibihugu byemeye aya masezerano. Icyo cyemezo gifatwa nk'igifite agaciro iyo kimwe cya kabiri cy'ibihugu byemeye aya Masezerano cyangwa hejuru yacyo, bitanze igitekerezo kitamwemera mu gihe cy'ibyumweru bitandatu, uhereye igihe Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye abimenyeshereje ishyirwaho ry'umukandida watanzwe.

**Ingingo ya 9**

Abagize itsinda ryo gukumira batorerwa manda y'imyaka ine. Bashobora kongera gutorwa inshuro imwe iyo bongeye gutangwaho abakandida. Manda ya kimwe cya kabiri cy'abagize itsinda batowe mu itora rya mbere irangira hashize imyaka ibiri; amazina yabo atomborwa na Perezida w'inama ivugwa mu gaka ka d) k'igika cya mbere cy'ingingo ya 7 ako kanya hakirangira itora rya mbere.

**Ingingo ya 10**

1. Itsinda ryo gukumira ritora biro yaryo ifite manda y'imyaka ibiri. Abagize biro bashobora kongera gutorwa.

2. Itsinda ryo gukumira rishyiraho amategeko ngengamikorere yaryo agomba kuba arimo ibikurikira:

(a) Umubare wa ngombwa w'abagize itsinda kugira ngo bafate ibyemezo, ni kimwe cya kabiri cy'umubare w'abagize itsinda hiyongereyeho umwe;

(b) Ibyemezo by'itsinda ryo gukumira bifatwa ku bwiganze bw'abagize itsinda bahari;

(c) Itsinda ryo gukumira riterana mu mwiherero.

3. Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye atumiza inama ya mbere y'itsinda ryo gukumira. Nyuma y'inama ya mbere, itsinda ryo gukumira riterana buri gihe giteganywa n'amategeko ngengamikorere yaryo. Inama z'itsinda ryo gukumira n'iza Komite irwanya iyica rubozo zibera icyarimwe nibura rimwe mu mwaka.

## IGICE CYA III

### Inshingano z'itsinda ryo gukumira

#### Ingingo ya 11

Itsinda ryo gukumira:

(a) Rikora ingendo zo gusura zivugwa mu ngingo ya 4, rigashyikiriza ibihugu byemeye aya Masezerano, ibyifuzo birebana no kurinda abantu bavukijwe ubwisanzure, gukorerwa iyicarubozo no guhabwa ibihano cyangwa gukorerwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro;

(b) Ku birebana n'inzego zo mu gihugu zo gukumira:

(i) Ritanga ibitekerezo n'inkunga ku bihugu byemeye aya Masezerano kugira ngo hashyirweho izo nzego;

(ii) Rigirana n'izo nzego imishyikirano itaziguye, mu ibanga iyo bibaye ngombwa, ritanga kandi amahugurwa n'inkunga mu byerekeye tekiniki kugira ngo rizongerere ubushobozi;

(iii) Ritanga ibitekerezo n'inkunga kugira ngo hasuzumwe ibikenewe n'ibyangombwa kugira ngo abantu bavukijwe ubwisanzure barusheho kurindwa iyicarubozo n'ibihano cyangwa ibikorwa by'ubugome bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro;

(iv) Rigira inama rikanaha ibitekerezo ibihugu byemeye aya Masezerano kugira ngo byongere ubushobozi n'inshingano by'inzego z'ibihugu zishinzwe gukumira iyicarubozo n'ibihano

cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro;

(c) Rifatanya n'inzego z'Umuryango w'Abibumbye zibifitiye ububasha, n'indi Miryango Mpuzamahanga, niy'Uturere n'iyo mu bihugu, iharanira kurinda abantu bose iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro, kugira ngo iyicarubozo rikumirwe.

**Ingingo ya 12**

Kugira ngo itsinda ryo gukumira rishobore kurangiza inshingano zaryo zisobanuye mu ngingo ya 11, ibihugu byemeye aya Masezerano byiyemeje:

(a) Kwakira ku butaka bwabyo itsinda ryo gukumira no kuryemerera kujya ahantu hafungiwe abantu havugwa mu ngingo ya 4 y'aya Masezerano;

(b) Guha itsinda ryo gukumira amakuru ya ngombwa rishobora kubaza kugira ngo risuzume ibikenewe n'ibyemezo byafatwa kugira ngo abantu bavukijwe ubwisanzure, barusheho kurindwa iyicarubozo n'ibihano cyangwa ibikorwa by'ubugome bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro;

(c) Gushyigikira no korohereza imishyikirano hagati y'itsinda ryo gukumira n'inzego zo mu bihugu zishinzwe ikumirwa ry'iyicwarubozo;

(d) Gusuzuma ibyifuzo by'itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo no kugirana ibiganiro naryo ku byerekeye ibyemezo byafatwa kugira ngo ibyo byifuzo bishyirwe mu bikorwa.

**Ingingo ya 13**

1. Hakoreshejwe uburyo bwo gutombola, Itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo rikora, gahunda z'ingendo zihoraho zo

gusura ibihugu byemeye aya Masezerano kugira ngo ryuzuze inshingano zaryo nk'uko zivugwa mu ngingo ya 11.

2. Nyuma y' imishyikirano n'ibihugu byemeye aya Masezerano, itsinda rimenyesha gahunda yaryo ibyo bihugu kugira ngo bishobore gutegura bidatinze ibikenewe kugira ngo isurwa rikorwe.

3. Ingendo ziyoborwa nibura n'abantu babiri bagize itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicwarubozo. Iyo bibaye ngombwa, bashobora guherekezwa, n'impuguke zifite uburambe n'ubumenyi mu kazi buzwi mu byiciro biteganywa n'aya Masezerano. Izo mpuguke zitoranywa ku rutonde rw'impuguke rwakozwe hifashishijwe ibyifuzo by'ibihugu byemeye aya Masezerano, Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Uburenganzira bwa Muntu n'Ikigo cy'Umuryango w'Abibumbye kigamije gukumira ibyaha by'ubugome ku isi. Kugira ngo hakorwe urutonde rw'impuguke, ibihugu byemeye aya Masezerano bibyifuza bitanga amazina y'impuguke zitarenze eshanu kuri buri gihugu. Igihugu cyemeye aya Masezerano kibifitemo inyungu, gishobora kwanga ko impuguke iyi n'iyi ishyirwa ku rutonde, icyo gihe, itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo ritanga izina ry'iyindi mpuguke.

4. Itsinda ryo gukumira ribonye ari ngombwa rishobora gusaba ko hakorwa ingendo zo gusura zigamije gukurikirana iby'ingendo zo gusura zikorwa ku buryo buhoraho.

**Ingingo ya 14**

1. Kugira ngo itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo rishobore kurangiza inshingano zaryo, ibihugu byemeye aya Masezerano riryemerera ibikurikira:

(a) Guhabwa nta mbogamizi amakuru yose yerekeye umubare w'abantu bavukijwe ubwisanzure bafungiwe ahantu havugwa mu ngingo ya 4, n'umubare w'aho abantu hafungirwa n'aho haherereye;

(b) Guhabwa nta mbogamizi amakuru yose yerekeye uburyo abo bantu bafashwe n'uburyo bafunzwemo;

(c) Hashingiwe ku biteganywa mu gika cya kabiri gikurikira, kugera nta mbogamizi ahantu hose hafungirwa abantu no ku nyubako n'ibikoresho byaho;

(d) Kubonana n'abantu bavukijwe ubwisanzure mu mwiherero nta w'undi muntu uhari, ubwabo bombi cyangwa hifashishijwe umusemuzi, iyo bibaye ngombwa, cyangwa undi muntu wese itsinda ryo gukumira ribona ko yashobora gutanga amakuru akenewe;

(e) Kwihitiramo nta nkomyi aho rizasura n'abantu rizabonana nabo.

2. Ntibishoboka kwanga isurwa ry'ahantu hafungiwe abantu keretse bitewe n'impamvu zihutirwa kandi zikomeye zirebana no kurengera igihugu, umutekano wa rubanda, ibiza cyangwa imidugararo ikomeye ibera ahagomba gusurwa kandi bibuza by'agateganyo ko iryo surwa rikorwa. Igihugu cyemeye aya Masezerano ntigishobora kwitwaza ko kiri mu bihe bidasanzwe kugira ngo cyange ingendo zo gusura.

**Ingingo ya 15**

Nta buyobozi na bumwe bwa Leta cyangwa umukozi wa Leta uzategeka, uzatanga, uzemerera cyangwa ngo yihanganire igihano cyahabwa umuntu cyangwa umuryango uzaba wahaye itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo cyangwa abarigize amakuru, yaba ay'ukuri cyangwa atari ukuri, kandi, uwo muntu cyangwa uwo muryango nta ngaruka iyo ari yo yose akwiye kugira.

**Ingingo ya 16**

1. Itsinda ryo gukumira rimenyesha mu ibanga ibyifuzonama n'ibitekerezo byaryo igihugu cyemeye aya Masezerano, n'urwego

rw'igihugu rwo gukumira.

2. Itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo ritangaza raporo yaryo iherekejwe n'ibitekerezo by'igihugu cyemeye aya Masezerano iyo kibisabye. Iyo igihugu cyemeye aya Masezerano gishyize ahagaragara igice cya raporo, Itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo rishobora kuyitangaza yose cyangwa igice cyayo. Cyakora nta kintu kireba umuntu ku giti cye gitangazwa nyiracyo atabyemeye.

3. Itsinda ryo gukumira rishyikiriza buri mwaka Komite irwanya iyicarubozo raporo ku bikorwa byayo ishobora kubonwa na buri muntu.

4. Iyo igihugu cyemeye aya Masezerano cyanze gufatanya n'itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 12 na 14, cyangwa gufata ibyemezo byo gutunganya ibintu hakurikijwe inama z'itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo; nyuma y'uko igihugu kizaba cyahawe umwanya wo kwisobanura, bisabwe n'itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo, Komite irwanya iyicarubozo, ku bwiganze bw'amajwi bw'abayigize, ishobora, gukora itangazo rigenewe rubanda kuri icyo kibazo cyangwa gutangaza raporo y'itsinda ryo gukumira.

## IGICE CYA IV

### Inzego z'igihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo

#### Ingingo ya 17

Nyuma y'uko Amasezerano atangira gukurikizwa cyangwa yemejwe burundu, cyangwa yemewe, buri gihugu cyemeye aya Masezerano gishyiraho, mu gihe kitarenze umwaka, urwego rw'igihugu rumwe cyangwa nyinshi zigenga zigamije gukumira iyicarubozo ku rwego rw'igihugu. Inzego zegerejwe abaturage zishyizweho n'inzego

z'ubuyobozi zishobora kwitwa inzego z'igihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo hakurikijwe aya Masezerano, iyo zujuje ibyo ateganya.

**Ingingo ya 18**

1. Ibihugu byemeye aya Masezerano byubahiriza ubwigenge bw'inzego z'igihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo mu mikorere yazo n'ubwigenge bw'abakozi bazo.

2. Ibihugu byemeye aya Masezerano bifata ibyemezo bya ngombwa kugira ngo impuguke z'urwego rw'igihugu rwo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo zigire ububasha n'ubumenyi bisabwa mu mirimo zishinzwe. Bigerageza kubahiriza uburinganire hagati y'umugabo n'umugore n'ihagararirwa ry'amoko n'irya banyamuke mu gihugu.

3. Ibihugu byemeye aya Masezerano, byiyemeza gutanga ibyangombwa bikenewe kugira ngo inzego zo mu gihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo zishobore gukora.

4. Iyo bishyiraho inzego zo mu gihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo, ibihugu byemeye aya Masezerano byita, by'umwihariko, ku mahame arebana n'imiterere y'inzego z'igihugu ziharanira guteza imbere no kurengera uburenganzira bwa Muntu.

**Ingingo ya 19**

Inzego z'igihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo zihabwa ububasha bwo:

(a) Gusuzuma ku buryo buhoraho imibereho y'abantu bavukijwe ubwisanzure bafungiwe ahantu havuzwe mu ngingo ya 4, kugira ngo nibiba ngombwa barusheho kurindwa iyicarubozo n'ibihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro;

(b) Kugeza ibyifuzonama ku bayobozi babifitiye ububasha kugira ngo imibereho y'abantu bavukijwe ubwisanzure yitabweho kandi iyicarubozo n'ibihano cyangwa ibikorwa by'ubugome bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro bikumirwe hashingiwe ku mategeko y'Umuryango w'Abibumbye;

(c) Gutanga ibitekerezo ku mategeko ariho cyangwa imishinga y'amategeko birebana n'iyicarubozo.

**Ingingo ya 20**

Kugira ngo inzego z'igihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo zishobore kurangiza inshingano zazo, ibihugu byemeye aya Masezerano byemeye kuziha ibikurikira:

(a) Kugera ku makuru yose arebana n'umubare w'abantu bavukijwe ubwisanzure, bafungiwe ahantu havuzwe mu ngingo ya 4; n'umubare w'ahantu hafungirwa abantu n'aho haherereye;

(b) Guhabwa amakuru yose yerekeye uko abo bantu bafashwe n'uburyo bafunzwemo;

(c) Kugera ahantu hose abantu bafungirwa no ku nyubako n'ibikoresho byaho;

(d) Gushobora kuvugana, mu mwiherero, n'abantu bavukijwe ubwisanzure, ubwabo, nta w'undi muntu uhari cyangwa mu gihe bibaye ngombwa hifashishijwe umusemuzi cyangwa undi muntu wese urwego rw'igihugu rwo gukumira rubona ko ashobora gutanga amakuru akenewe;

(e) Ubwisanzure mu guhitamo ahantu hazasurwa n'abantu zizabonana nabo;

(f) Uburenganzira bwo kugira imishyikirano n'itsinda ryo gukumira, kurigezaho amakuru no kubonana naryo.

**Ingingo ya 21**

1. Nta buyobozi na bumwe bwa Leta cyangwa umukozi wa Leta uzategeka, uzatanga, uzemerera cyangwa ngo yihanganire igihano cyahabwa umuntu cyangwa umuryango uzaba wahaye inzego amakuru z'igihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo, yaba ay'ukuri cyangwa atari ukuri, kandi, uwo muntu cyangwa uwo muryango nta ngaruka iyo ari yo yose akwiye kugira.

2. Amakuru y'ibanga yabonywe n'urwego rw'igihugu rwo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo azarindwa. Nta makuru y'umuntu ku giti cye azatangazwa uwayatanze atabyemeye.

**Ingingo ya 22**

Ubuyobozi bw'igihugu cyemeye aya Masezerano bubifitiye ububasha, busuzuma ibyifuzonama by'urwego rw'igihugu rwo gukumira, bakagirana ibiganiro kubirebana n'ibyemezo byashobora gufatwa kugira ngo ibyo byifuzonama bishyirwe mu bikorwa.

**Ingingo ya 23**

Ibihugu byemeye aya Masezerano byiyemeje gutangaza no gusakaza raporo za buri mwaka z'inzego z'ibihugu zishinzwe gukumira.

## IGICE CYA V

### Itangazo

**Ingingo ya 24**

1. Mu gihe cyo kwemeza burundu aya Masezerano, ibihugu byayemeye bishobora gukora itangazo risobanura ko inshingano zabyo zizashyirwa mu bikorwa nyuma hakurikije igice cya gatatu cyangwa cya kane cy'aya Masezerano.

2. Kwimurira ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano ikindi gihe bifata imyaka itatu itarengwa. Bitewe n'ibisobanuro byatanzwe ku buryo bwumvikana n'igihugu cyemeye aya Masezerano, itsinda ryo gukumira rimaze kugishwa inama, Komite irwanya iyicarubozo ishobora kongera imyaka ibiri kuri icyo gihe.

## IGICE CYA VI

### Imari

#### Ingingo ya 25

1. Amafaranga akoreshwa mu mirimo y'itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo mu ishyirwamubikorwa ry'aya Masezerano abarwa ku Umuryango w'Abibumbye.

2. Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye aha itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo abakozi n'inyubako bikenewe kugira ngo rishobore kurangiza neza imirimo yaryo ri muri aya Masezerano.

#### Ingingo ya 26

1. Hashingiwe ku imikorere y'Inteko Rusange, hashyizweho ikigega cyihariye, kizayoborwa hakurikijwe amategeko y'imicungire y'imari y'Umuryango w'Abibumbye, kigamije gutera inkunga ishyirwa mu bikorwa ry'ibyifuzonama bigezwa ku bihugu byemeye aya Masezerano n'itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo nyuma y'ingendo zo gusura hamwe na gahunda zo guhugura z'inzego z'ibihugu zo gukumira.

2. Ikigega cyihariye gishobora guterwa inkunga hashingiwe ku misanzu itangwa ku bushake na za Guverinoma, imiryango ihuriwemo n'ibihugu, itegamiye kuri Leta n'indi miryango yikorera cyangwa ikorera Leta.

# IGICE CYA VII

## Ingingo zisoza

### Ingingo ya 27

1. Aya Masezerano y'inyongera ashyirwaho umukono n'igihugu icyo aricyo cyose cyashyize umukono ku Masezerano yerekeye kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.

2. Aya Masezerano y'inyongera azemezwa burundu n'igihugu cyose cyemeje burundu Amasezerano yerekeye kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro, cyangwa cyayemeye. Inyandiko zemeza burundu aya Masezerano, zishyikirizwa Umunyabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye.

3. Aya Masezerano y'inyongera yemerwa n'igihugu cyose cyemeje burundu Amasezerano yerekeye kurwanya iyicarubozo n'ibindi bihano cyangwa ibikorwa by'ubugome, bidakwiriye umuntu cyangwa bimutesha agaciro, cyangwa cyayemeye.

4. Kwemera Amasezerano y'inyongera bikorwa mu nyandiko yo kwemera ishyikirizwa Umunyabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye.

5. Umunyabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye azamenyesha ibihugu byose bizaba byashyize umukono kuri aya Masezerano y'inyongera cyangwa bizaba byayemeye, inyandiko ziyemeza burundu cyangwa ziyemera azashyikirizwa.

### Ingingo ya 28

1. Aya Masezerano y'inyongera azatangira gukurikizwa ku munsi wa mirongo itatu ukurikira itariki inyandiko ya makumyabiri iyemeza

burundu cyangwa iyemera izaba yashyikirijwe Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye.

2. Buri gihugu kizemeza burundu aya Masezerano y'inyongera cyangwa kizayemera nyuma y'uko Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye ashyikirijwe inyandiko ya makumyabiri iyemeza burundu cyangwa iyemera, Amasezerano azatangira gukurikizwa ku munsi wa mirongo itatu ukurikira itariki icyo gihugu kizatangira inyandiko iyemeza burundu cyangwa iyemera.

**Ingingo ya 29**

Ibiteganywa muri aya Masezerano y'inyongera bikurikizwa byose uko bivugwa mu bihugu byose byishyize hamwe.

**Ingingo ya 30**

Nta kwifata na kumwe kuzemerwa kuri aya Masezerano y'inyongera.

**Ingingo ya 31**

Ibiteganywa muri aya Masezerano nta ngaruka bigira ku nshingano zafashwe mu rwego rw'akarere n'ibihugu biyemera ku birebana no gushyiraho uburyo bwo gusura ahantu hafungirwa abantu. Itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo n'inzego zashyizweho hakurikijwe Amasezerano yo mu rwego rw'akarere bisabwe kujya inama no gufatanya kugira ngo imirimo imwe itazakorwa inshuro ebyiri kandi biteze imbere intego z'aya Masezerano y'inyongera.

**Ingingo ya 32**

Ibiteganywa muri aya Masezerano y'inyongera nta ngaruka bigira ku nshingano ibihugu bifite zirebana n'Amasezerano ane y'i Jeneve yo ku itariki ya 12 Kanama 1949 no ku Masezerano y'inyongera ku Masezerano y'i Jeneve yo ku itariki ya 8 Kanama 1977 cyangwa

ku burenganzira buri gihugu cyemeye aya Masezerano gifite bwo kwemerera Komite Mpuzamahanga y'Umuryango Kuruwa Ruje gusura ahantu hafungirwa abantu mu buryo bunyuranije n'ibiteganywa n'amategeko mpuzamahanga akurikizwa mu bihe by'intambara.

**Ingingo ya 33**

1. Buri gihugu cyemeye aya Masezerano y'inyongera gishobora kuva mu mubare w'ibihugu byayemeye gikoresheje inyandiko kigeza k'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, nawe akabimenyesha ibindi bihugu byemeye aya Masezerano y'inyongera n'Amasezerano. Kuva mu mubare w'ibihugu byemeye aya Masezerano gutangira kugira agaciro nyuma y'umwaka uhereye ku itariki Umunyamabanga Mukuru azaba yaboneyeho inyandiko.

2. Kuva mu mubare w'ibihugu byemeye aya Masezerano ntibiha igihugu uburenganzira bwo kutuzuza inshingano zacyo ziteganyijwe muri aya Masezerano ku bijyanye n'igikorwa cyose cyangwa ikibazo cyabaye mbere yuko kuva mu mubare w'ibihugu byemeye aya Masezerano kwemerwa cyangwa ku kindi cyemezo cyose itsinda ryo gukumira rizaba ryafashe cyangwa rishobora kuzafatira icyo gihugu; nta n'ubwo bibuza gukomeza gusuzuma ibibazo itsinda ryo gukumira rizaba ryagejejweho mbere y'itariki yo kwemera ukuva mu mubare w'ibihugu byemeye aya Masezerano.

3. Nyuma y'itariki yo kwemerera igihugu kuva mu mubare w'ibihugu byemeye aya Masezerano y'inyongera, nta kibazo na kimwe gishya kireba icyo gihugu cyongera gusuzumwa n'itsinda ryo gukumira.

**Ingingo ya 34**

1. Buri gihugu cyemeye aya Masezerano gishobora gusaba ubugororangingo kigashyikiriza icyo gitekerezo Umunyamabanga

Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye. Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye abimenyesha ibindi bihugu byemeye aya Masezerano abisaba kumumenyesha niba byemera ko hatumizwa inama y'ibihugu byemeye aya Masezerano kugira ngo icyo gitekerezo gisuzumwe kandi gitorwe. Nyuma y'amezi ane akurikira itariki ibihugu byamenyeshejwe icyifuzo cy'ubugororangingo, iyo nibura kimwe cya gatatu cy'ibyo bihugu cyemeye ko iyo nama iba, Umunyamabanga Mukuru arayikoresha abitewemo inkunga n'Umuryango w'Abibumbye. Ubugororangingo bwose bwemejwe ku bwiganze bw'amajwi bwa bibiri bya gatatu bw'ibihugu byemeye aya Masezerano biri mu nama kandi bitora bugezwa n'Umunyamabanga Mukuru ku bihugu byose byemeye aya Masezerano kugira ngo bwemezwe.

2. Ubugororangingo bwemewe hakurikijwe igika cya mbere cy'iyi ngingo butangira gukurikizwa iyo bibiri bya gatatu by'ibihugu byemeye aya Masezerano byabwemeye hakurikijwe uburyo buteganywa n'amategeko nshinga yabyo.

3. Iyo ubugororangingo butangiye gukurikizwa, ibihugu byabwemeye birabwubahiriza, ibitabwemeye bikomeza kubahiriza ibiteganywa muri aya Masezerano n'ubugororangingo byaba byaremeye mbere.

**Ingingo ya 35**

Abagize itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo n'inzego z'ibihugu zo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo bahabwa ubudahangarwa n'ibindi byangombwa bikenewe kugira ngo bashobore gukora imirimo yabo mu bwigenge. Abagize itsinda ryo gukumira ibikorwa by'iyicarubozo bahabwa ubudahangarwa n'ibindi byagombwa biteganywa mu cyiciro cya makumyabiri na kabiri cy'Amasezerano yerekeye ubudahangarwa y'Umuryango w'Abibumbye yo ku itariki ya 13 Gashyantare 1946, haseguriwe

ibiteganywa mu cyiciro cya makumyabiri na gatatu cyayo Masezerano.

**Ingingo ya 36**

Abagize itsinda ryo gukumira bagiye mu gihugu cyemeye aya Masezerano bagomba haseguriwe ibiteganywa n'aya Masezerano, intego zayo n'ubudahangarwa bemererwa, gukurikiza ibikurikira:

(a) Kubaha amategeko n'amabwiriza akurikizwa mu gihugu bagiyemo;

(b) Kwirinda igikorwa cyose kinyuranyije no kutabogama hamwe n'imiterere mpuzamahanga y'imirimo yabo.

**Ingingo ya 37**

1. Aya Masezerano yemejwe ku buryo bungana mu ndimi z'Icyarabu, Igishinwa, Icyongereza, Igifaransa, Ikirusiya n'icyesipanyoli akaba azashyikirizwa Umuryabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye.

2. Umunyabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye azohereza kopi y'inyandiko mpamo z'aya Masezerano ibihugu byose.